IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W´URUKIKO RW´IKIRENGA MU MUHANGO WO GUTANGIZA UMWAKA W'UBUCAMANZA WA 2013-2014

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Ba Nyakubahwa Bayobozi b'inzego nkuru z'igihugu cyacu;

Banyacyubahiro mwese muri hano;

Bacamanza, Banditsi b'Inkiko, Bashinjacyaha; abunganira abandi mu nkiko;

Mbanje kubasuhuza kandi mbashimira ko mwaje kwifatanya na twe muri iyi gahunda yo gutangiza umwaka w'ubucamanza 2013-2014 ku mugaragaro.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, turabashimira ko n'ubwo muhorana imirimo itoroshye yo guharanira icyateza imbere igihugu cyacu muri rusange, mutajya mubura akanya ko kuboneka muri uyu muhango ngo mwifatanye n'Urwego rw'Ubucamanza kugaragariza Abanyarwanda ibyo rwagezeho, kwishimira intambwe iba yatewe buri mwaka mu kubungabunga kurushaho uburenganzira bwa rubanda no gushakira hamwe imiti ku nzitizi ziba zaragaragaye.

Ibyo bitwibutsa ko ubutabera, uburenganzira bwa buri muntu, umudendezo wa rubanda no kubahiriza amategeko ari inkingi zikomeye ubuyobozi bw'igihugu cyacu murangaje imbere, bwiyemeje kubakiraho imibereho myiza y'abagituye, amajyambere arambye n'agaciro k'Abanyarwanda; bityo twe dushinzwe gushyira mu bikorwa izo nshingano by'umwihariko, bikadutera ishema, umwete n'umurava byo kuba kwisonga mu iterambere ry'igihugu cyacu.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Banyacyubahiro mwese muri hano;

Umuhango wo gutangiza umwaka w'ubucamanza, uyu mwaka ufite umwihariko kuko uhuriranye n'isozwa rya gahunda y'igenamigambi, Urwego rw'Ubucamanza rwari rwarihaye muri iyi myaka itanu ishize, akaba rero ari n'umwanya wo gutangaza imigabo n'imigambi by'ikindi kivi cy'imyaka itanu dutangiye, kizasozwa mu mwaka wa 2018.

Ubucamanza bw'u Rwanda buri mu rugendo ruhoraho rwo kwiyubaka kurushaho, bugamije kugeza ku baturarwanda ubutabera bunoze kandi bwihuse.

Nk'uko twagiye tubigaragaza muri raporo za buri mwaka, kuva haba ivugururwa ry'inzego z'ubucamanza mu mwaka wa 2004, ubucamanza bw'u Rwanda bwakomeje gutera imbere haba mu bwinshi bw'imanza zicibwa hagamijwe kugabanya umubare w'ibirarane by'imanza no gutanga ubutabera mu gihe gikwiye; haba mu kwita ku budakemwa bw'imanza; haba mu

bumenyi n'ubushobozi bw'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko; haba se mu ikoranabuhanga cyangwa mu miyoborere y'inkiko.

Mu gihe mu mwaka wa 2008 inkiko zashoboraga guca imanza 40.239 ni ukuvuga imanza 12 ku mucamanza buri kwezi, uyu mwaka inkiko zaciye imanza 83.584 bihwanye n'imanza 27 kuri buri mucamanza ku kwezi. Aha twakwibutsa ko, umwaka ushize hari haciwe imanza 78.428, umubare w'imanza zicibwa ukaba wariyongereyeho 7%.

Mu mwaka wa 2008, imanza zari mu nkiko zitaraburanishwa zageraga ku 53.282. Mu mpera z'uyu mwaka, inkiko zisigaranye imanza 36.165 zitegereje kuburanishwa. Ibi bigaragaza ko umubare w'imanza ziba zitegereje kuburanishwa ugenda ugabanuka. Icyakora, urebye imbaraga zishyirwa mu kongera umubare w'imanza zicibwa, uyu mubare w'imanza zisigaye wagombye kuba waramanutse kurushaho iyo umubare w'imanza zinjira uba utaragiye wiyongera. Urugero twatanga ku bijyanye n'umuvuduko w'imanza zinjira mu nkiko, nuko mu mwaka wa 2008, imanza zinjiye zari 40.048. Mu mwaka w'ubucamanza 2011-2012 hinjiye imanza 65.135, na ho mu mwaka wa 2012-2013 hinjiye imanza 70.601.

N'ubwo umubare w'imanza zinjira mu nkiko ugenda uzamuka buri mwaka, twakwishimira ko imbaraga twashyize mu nkiko z'ubucuruzi zatanze umusaruro ugaragara. Ubu, inkiko z'ubucuruzi zarangije imanza zose z'ibirarane, zikaba zica imanza uko zinjiye. Urubanza rumara nibura ukwezi kumwe n'igice (1,5) kuva rwinjiye kugeza ruciwe mu nkiko z'uburuzi, rukamara amezi ane (4) mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Ibi bikaba bitanga icyizere ku bashoramari kuko nta mpungenge zuko ibibazo byabo byatinda mu nkiko bikadindiza ubucuruzi. Biragaragara ko icyari kigamijwe hashyirwaho inkiko z'ubucuruzi cyagezweho. Ikibazo kikaba gisigaye mu Rukiko rw'Ikirenga, kuko izo manza iyo zijuririwe mu Rukiko rw'Ikirenga, zisangayo izindi nyinshi zitegereje kuburanishwa.

Guca imanza nyinshi ntibyabangamiye ubudakemwa bwazo. Kimwe mu byifashishwa kumenya muri rusange ubudakemwa bw'imanza zicibwa, ni ukugereranya uburyo inkiko zica imanza mu bujurire, zemeranya n'inkiko zaciye izo manza murwego rwa mbere.

Nk'uko bigaragara muri raporo, mu mwaka w'ubucamanza 2012-2013, inkiko z'ubujurire zemeranya n'inkiko zo hasi ku byemezo zifata ku kigero cya 80% mu gihe mu mwaka w'ubucamanza 2011-2012 icyo kigero cyari 72%; ni ukuvuga ko umusaruro mu guca imanza zinoze wazamutseho 8%. Ibi bigaragaza ko abacamanza bagenda barushaho kugira imyumvire imwe mu mikoreshereze y'amategeko.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Banyacyubahiro mwese muri hano;

Kugira ngo urwego rw'ubucamanza rubashe kugera ku musaruro twagaragaje, hifashishijwe ingamba zinyuranye zirimo kongerera ubushobozi abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko. Ubu

tukaba twakwishimira ko uretse kuba abacamanza bose bafite impamyabushobozi ya kaminuza mu by'amategeko, bakomeza guhabwa n'amahugurwa anyuranye mu bumenyi ngiro bwo guca imanza ku bufatanye n'ishuli rikuru ry'i Nyanza ryigisha ubumenyi ngiro mu by'amategeko (ILPD). Muri uyu mwaka turangije hize abacamanza 28 baza basanga abarangije mbere, bose hamwe ubu bakaba bamaze kuba 155. Iyi gahunda ikaba igikomeza.

Abacamanza n'Abanditsi b'Inkiko bahawe amahugurwa y'igihe gito ku bibazo by'amategeko bitandukanye. Aha twavuga amahugurwa ku mategeko arebana n'imari n'amabanki (Financial and Banking Law), arebana n'uko ibihano bitangwa (sentencing), kumenya uko ibibazo duhura na byo mu rwego rw'amategeko bikemurwa ahandi, tubifashijwemo n'abahanga baturutse mu bihugu bitandukanye.

Kugira ngo inkiko zishobore gutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze ndetse zinashobore kugeza ku bazigana serivisi zinyuranye mu buryo bworoshye, Urwego rw'Ubucamanza rukomeje gushyira ingufu ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mikorere y'inkiko. Ikoranabuhanga rikoreshwa mu itangwa ry'ibirego, mu guhererekanya amadosiye hagati y'inkiko, mu gukurikirana aho urubanza rugeze, mu kumenyesha ababuranyi gahunda y'iburanisha, no mu gucunga amadosiye y'imanza. Turashimira by'umwihariko abaturage imyumvire imaze gutera imbere bafite, mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga.

Urugero ni mwitangwa ry'ibirego. Mu mwaka w'ubucamanza wabanjirije uyu dusoje, ibirego byatanzwe mu Rukiko rw'Ikirenga hakoreshejwe ikoranabuhanga byari kuri 62%, muri uyu mwaka w'ubucamanza ushize byarazamutse bigera ku ijana ku ijana (100%). Ibyo ni na ko bimeze no mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. Inkiko z'ubucuruzi na zo ziri hafi kugera kuri iyo ntego kuko ubu zigeze kuri 98.1%. Twifuza ko mu nkiko zose byaba 100%, kandi twizeye ko tuzabigeraho. Gusa, haracyari imbogamizi kuko abenshi mu bagana inkiko z'ibanze badashobora kubona aho bakura umurongo wa interineti.

Turanateganya kuganira n'urwego rw'igihugu rushinzwe imfungwa n'amagereza, kubirebana n'ukuntu abantu bafunzwe bazajya bajurira cyangwa se bareba amadosiye yabo, babikoreye aho bari hifashishijwe ikoranabuhanga, ndetse aho bikunze bakaba banaburana batagombye kuza mu nkiko hakoreshejwe uburyo bwa *Video Conference*.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Banyacyubahiro mwese muri hano;

Kugira ngo ubucamanza bw'u Rwanda bukomeze gutera imbere no guha icyizere ababugana, ni ngombwa ko abacamanza n'abanditsi b'inkiko bakomeza kurangwa n'imyitwarire iboneye.

Muri iyi myaka ishize, abanyarwanda bagiye bagaragaza uko babona imikorere y'inkiko n'imyitwarire y'abacamanza by'umwihariko mu maraporo anyuranye. Rimwe na rimwe

bakagaragaza ko inkiko bazifitiye icyizere, ubundi bagaragaza impungenge za ruswa ku bacamanza bamwe na bamwe.

Ibi byose tubitega amatwi, tukisuzuma kugira ngo tumenye abatatira umuco w'ubudakemwa tugenderaho, n'amayeri bakoresha, hanyuma tugafata ingamba zikwiye.

Mu mwaka w'ubucamanza 2012-2013, abacamanza n'abanditsi 5 bafatiwe ibihano bitandukanye birimo no kwirukanwa. Abo biyongera ku bandi 38 bahanwe guhera muri 2005. Aba bose batahuwe ku bufatanye n'abaturage tukaba tuboneyeho umwanya wo kongera kubasaba kutugaragariza uwo ari we wese waka cyangwa wakira ruswa, kugira ngo afatirwe ibihano bikwiye. Ntitwihanganira na gato uwo muco mubi kandi uwagerageje wese kwishora muri ibyo bikorwa akamenyekana, yarabihaniwe.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

Banyacyubahiro mwese muri hano;

Nk'uko raporo twabashyikirije ibigaragaza, muri uyu mwaka wa 2012 – 2013, Urwego rw'Ubucamanza rwakwishimira ko rwageze kuri byinshi, ndetse bisumba iby'imyaka yabanje cyane cyane mu bijyanye no kunoza imitangire ya serivisi zihabwa abagana inkiko, no gutanga ubutabera bunoze kandi bwihuse.

Ibyo urwego rubikesha ahanini amategeko yavuguruwe hashingiwe ku bitekerezo rwagiye rutanga mu nzego zibishinzwe no ku ngamba rwashyizeho hagamijwe kureba uburyo, iryo vugurura ryagira umusaruro ugaragarira abagana inkiko bose.

Urwego rw'ubucamanza ruzakomeza kuganira n'inzego bireba uko inzitizi zikibangamiye imikorere myiza y'inkiko zimwe na zimwe, cyane cyane Urukiko rw'Ikirenga zakemuka. Biragaraga ko mu Rukiko rw'Ikirenga, imanza zimara igihe kinini zitaburanishijwe. Nk'uko twabibagaragarije umwaka ushize, ibi biterwa n'umubare munini w'imanza z'ibirarane uru rukiko rusanganywe. Kuburyo ubu, mu manza z'inshinjabyaha, Urukiko rw'Ikirenga rurimo kuburanisha izinjiye mu mwaka wa 2009, izinjiye nyuma ziracyaraho, na ho mu manza mbonezamubano, ubu haburanishwa izinjiye muri 2011. Imanza ziri mu Rukiko rw'Ikirenga ubu ni 2.492. Ariko twizeye ko, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, ku bufatanye n'inama mutugira, iki kibazo kizabonerwa umuti.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Kuva mu mwaka wa 2005, hafashwe ingamba zo korohereza urugendo abakozi ba Leta. Abacamanza bo mu nkiko zisumbuye n'Abaperezida b'inkiko z'ibanze, ntibigeze bahabwa ayo mahirwe nk'uko yahawe abandi bakozi bari ku rwego nk'urwabo bo mu zindi nzego za Leta. Ibi, bigira ingaruka z'uko dutakaza abacamanza bamaze kumenyera akazi bajya gukora aho bazajya bahabwa iyo "*facilitation"* bikanatuma abasigaye bakeka ko batitaweho. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, harebwe imiterere y'akazi k'abacamanza n'inshingano bafite, turabasa ko mu

birebana na "*transport",* abacamanza bafatwa nk'abakozi bagenzi babo bari ku rwego nk'urwabo bakora mu zindi nzego za Leta. Twizeye ko, nk'uko mwagiye mudufasha muri byinshi, iki kibazo na cyo muzakidukemurira.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Ntitwasoza iri jambo, tutabashimiye inkunga mukomeje gutera urwego rw'ubucamanza, kugira ngo rugere ku nshingano ruhabwa n'amategeko. Turashimira n'izindi nzego z'ubutabera dufatanya, abafatanyabikorwa n'Abanyarwanda muri rusange ku bufatanye bwiza bakomeje kutugaragariza. Ntidushidikanya ko, ubwo bufatanye buzatuma tugera ku iterambere twiyemeje kujyeraho nk'uko biri mu Cyerecyezo 2020 tugenderaho.

Nyakubahwa Perezida, twongeye kubashimira ko mwakiriye neza ubutumire bwacu, mukemera kutubera umushyitsi mukuru kuri uyu munsi. Nk'uko bisanzwe, dukeneye inama n'impanuro mutugezaho, nkaba mboneyeho umwanya wo kubasaba, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ko mwatugezaho ubutumwa mwatugeneye.

Murakoze !